MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI

No 114 Werurwe 2016



# ABASHAKASHATSI KU KUBAKA AMAHORO BASOBANURIWE IMIKORERE Y'IHURIRO

*Mu rugendo shuri rw'iminsi itandatu (6) rwo gusura inzego zitandukanye n'Igihugu muri rusange ku bashakashatsi mu kubaka amahoro n'ikemurwa ry'amakimbirane nyuma y'intambara basuye Ihuriro kuwa kabiri tariki ya 22/03/2016 .*

Mu gutangira, Bwana JIJUKA Zephyrin, Umuhuzabikorwa wa Gahunda mu Ihuriro wakiriye izi mpuguke, yabasobanuriye



imikorere n'imikoranire y'Ihuriro n'Imitwe ya politiki, inshingano zaryo n'ibyo rimaze kugeraho, ababwira kandi ku bijyanye n'uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro; aho Ihuriro rikura ingengo y'imari n'uburyo ikoreshwa, anababwira uruhare rwaryo mu gukemura impaka zivutse mu Mitwe ya Politiki cyangwa hagati y'Imitwe ya politiki ariko mu guhe babisabye.

Mu kwibaza aho Ihuriro rikura ingengo y'imari; babwiwe ko ingengo y'imari ikoreshwa n'Ihuriro iva ku ngengo y'imari ya



*Bamwe mu banyeshuri bo muri Kaminuza y'u Rwanda bazanye n'iri tsinda*

Leta ndetse n'abafatanyabikorwa baryo.

Basobanuriwe ko Imitwe ya politiki ifite uburenganzira bungana mu Ihuriro, ikaba ihabwa amafranga angana, mu rwego rwo gutera inkunga amahugurwa yo kongerera ubushobozi abayoboke bayo.

Ku bijyanye n'uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro basobanuriwe ko kujya mu Ihuriro ari ubushake, Umutwe




*Babaza ibibazo*

wa Politiki ushobora kurijyamo cyangwa nturijyemo. Naho ku bijyanye n'Uruhare rw'Ihuriro mu gukemura impaka, basobanuriwe ko Ihuriro rifite Komite ishinzwe gukurikirana imyitwarire y'abanyapolitiki bari mu Mitwe ya Politiki no kubunga igihe habaye impaka hifashishijwe Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki ndetse n'Indangamyitwarire (Code d'Ethique) y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo.



*Ifoto y'urwibutso*

Iri tsinda ryashimye intera u Rwanda rumaze kugeraho mu bwisanzure muri Demokarasi no guha urubuga Imitwe ya politiki myinshi ikagira uruhare mu miyoborere y'Igihugu, bashima kandi uburyo Ihuriro rigira uruhare rugaragara mu kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki mu rwego rwo kuyifasha gukora politiki ishingiye ku bumenyi.

## NATIONAL POLITICAL PARTIES FORUM ELECTED THE NEW SPORKES PERSON

On this Thursday 31st of March 2016, the General Assembly of the National Forum for Political Organisation (NFPO) elected new spokesperson. The newly elected spokesperson is Christine Mukabunane, the head of PS Imberakuri who replaced Veneranda Nyirahirwa from the Social Democratic Party (PSD) and Agnes Uwizeyimana, from the Party for Progress and Concord (PPC) elected as the new deputy Spokesperson. These new blood promised to uplift the profile of the Forum "I will join efforts with my colleagues to bring together politicians from Rwanda to exchange ideas for further development of our country," Mukabunane said.




*Mukabunani gives her remarks after being elected*

The NFPO also presented its proposed budget of Rwf4.8 billion that it expects to use for its five- year-Strategic Plan (2016-2021).

Activities to be focused on during the five-year programme include promoting unity of the country, building capacities of its member parties and setting up an office block for their headquarters.



The Executive Secretary of NFPO, Oswald Burasanzwe, said the Forum get grant from the government and NFPO was working with various partners such as the United Nations Development Programme (UNDP) to funds its programme.

MP Jean-Baptiste Rucibigango, the president of the Rwanda Socialist Party (PSR), said there was need to develop English among members of political parties through the setting up of a language laboratory so that they can effectively do business in EAC, this must be added in the 2016-2021 NFPO Strategic planning.

Meanwhile, the Executive Secretary of the Forum presented a report on the process and results of the local leaders' elections that were held February and March 2016. The forum, which deployed 100 observers, during the elections said the process was characterised by security, and transparency, and were well organized. However, the General Assembly said there should be close collaboration between observers and the National Electoral Commission so as to work with more effectiveness.

## ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

### ITANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None kuwa kane, tariki ya 31 Werurwe 2016, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Hon. NYIRAHIRWA Veneranda.

Ku murongo w'ibyizwe hari :

(1) Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 14/01/2016,
(2) Gusuzuma no kwemeza Igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro mu gihe cy'imyaka itanu ( *NFPO strategic Planning 2016-2021*);
(3) Kugezwaho Raporo y'indorerezi ku matora y'abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ay'ab'Inzego Zihariye yabaye muri Gashyantare – Werurwe 2016;
(4) Gushyiraho Abagize Biro y'Ihuriro

<u>**Imyanzuro y'inama:**</u>

Inama Rusange yemeje inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 14/01/2016.

Inama Rusange yemeje Igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro mu gihe cy'imyaka itanu 2016 – 2021 (Strategic Plan 2016-2021***)***, isaba ko hashyirwaho ingamba zo kuyishyira mu bikorwa.

Inama Rusange yagejejweho raporo y'indorerezi ku matora y'abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ay'ab'Inzego Zihariye yabaye muri Gashyantare – Werurwe 2016, irayemeza. Inama Rusange yashimye uburyo amatora yateguwe, uburyo yakozwe ndetse n'uburyo abaturage bishimiye ibyayavuyemo;

Binyuze mu matora, Inama Rusange yashyizeho abagize Biro y'Ihuriro. Ku mwanya w'Umuvugizi, Inama Rusange yatoye Madamu **MUKABUNANI Christine**, uturuka mu *Ishyaka PS Imberakuri* naho ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije, hatorwa Madamu **UWIZEYIMANA Agnes,** uturuka mu *Ishyaka PPC*.

Bikorewe i Kigali, kuwa 31 Werurwe 2016.

**BURASANZWE Oswald**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**